In case the journalist is not satisfied, he/she may refer the matter to the competent court.

CHAPTER IV: FUNCTIONING OF MEDIA ORGANS

Section One: General provisions

Article 16: Requirements to launch a media organ

Before setting up a new media organ, its owner or any other competent person shall apply in writing to the competent public organ.

If it is a public media organ, the Chaiperson of the Board of Directors of the new media organ which needs to be set up shall file the written application with such an organ.

The competent public organ shall put in place instructions to determine the requirements for setting up the media organ.

Article 17: Person not entitled to be a Publishing Director or a Chief-Editor

A person who enjoys immunity shall not be a publishing Director or a Chief-Editor of a media organ.

institutions compétentes pour le règlement à l'amiable du problème.

Lorsque le journaliste n'est pas satisfait, il peut saisir une juridiction compétente.

CHAPITRE IV: FONCTIONNEMENT DES ORGANES DE MEDIAS

Section première: Dispositions générales

Article 16: Conditions de lancement d'un organe de médias

Avant de lancer un nouvel organe de médias, son propriétaire ou une autre personne compétente doit en faire la demande écrite addressée à l'organe public compétent.

Lorsqu'il s'agit d'un organe de média public, le Président du Conseil d'Administration de ce nouvel organe de médias fait la demande écrite à l'organe compétent.

L'organe public compétent détermine les conditions de lancement d'un organe de médias.

Article 17: Personne ne pouvant pas être Directeur ou Rédacteur en Chef d'un organe de médias

Toute personne jouissant d'une immunité ne peut être Directeur ou Rédacteur en Chef d'un organe de médias.

Icyiciro cya 2: **Itangazamakuru rikoresha amajwi, amashusho cyangwa amajwi n'amashusho**	**Section 2: Audio, visual or Audiovisual media**	**Section 2** : **Médias audio, visuels ou audiovisuels**
Ingingo ya 18: Guhitisha gahunda z'ikindi gitangazamakuru	**Article 18: Broadcasting programs of another media organ**	**Article 18: Diffusion des programmes d'un autre organe de médias**
Igitangazamakuru gikoresha amajwi, amashusho cyangwa amajwi n'amashusho gishobora guhitisha ku muyoboro wacyo gahunda y'ikindi gitangazamakuru gikoresha amajwi, amashusho cyangwa amajwi n'amashusho mu buryo bugenwa n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro.	An audio, visual or audiovisual media organ may broadcast on its line a program of another audio, visual or audiovisual media organ in accordance with modalities set by a national utilities statutory regulator.	Un organe de médias audio, visuel ou audiovisuels peut diffuser à travers sa ligne un programme d'un autre organe de médias audio, visuel ou audiovisuels conformément aux modalités établies par le Régulateur National Statutaire.
Icyiciro cya 3: Itangazamakuru rikoresha interineti	**Section 3*:* Internet based media**	**Section 3 : Médias utilisant l'internet**
Ingingo ya 19: Uburenganzira bwo gukora urubuga rwa interineti	**Article 19: Right to a website**	**Article 19: Droit au site internet**
Buri muntu wese afite uburenganzira bwo kwakira, kunyuza, cyangwa kohereza amakuru kuri interineti. Afite uburenganzira bwo gukora urubuga rwa interineti anyuzaho amakuru ashaka ko agera ku bantu benshi. Gushyira cyangwa kohereza inkuru kuri interineti ntibisaba ko ubikoze aba ari umunyamakuru w'umwuga**.**	Every person has the right to receive, disseminate or send information through internet. He/she is entitled to the right of creating a website through which he/she disseminates the information to many people. Posting or sending information through the internet does not require the user to be a professional journalist.	Toute personne a le droit de recevoir, publier ou envoyer des informations à travers le site internet. Elle a le droit de créer son propre site internet par lequel elle publie l'information destinée à la masse. Poster ou envoyer l'information via Internet n'exige pas que l'on soit journaliste de profession.
Ingingo ya 20: Ikurikizwa ry'ingingo z'iri tegeko	**Article 20: Enforcement of provisions of this Law**	**Article 20: Application des dispositions de la présente loi**
Ingingo z'iri tegeko zerekeye itangazamakuru	Provisions of this Law relating to print media and	Les dispositions de la présente loi en rapport avec

ryandika n'irikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho zikurikizwa no mu byerekeye amakuru atangazwa hakoreshejwe uburyo bw'itangazamakuru rikoresheje interineti.

audio or audiovisual media shall also apply on information published through the internet.

les médias écrits et les médias audio ou audiovisuels s'appliquent également à l'information publiée par voie d'internet.

UMUTWE WA V: UBURENGANZIRA BWO GUKOSORA, GUSUBIZA NO KUGORORA

CHAPTER V: RIGHT OF CORRECTION, REPLY AND RECTIFICATION

CHAPITRE V: DROIT DE CORRECTION, DE RÉPONSE ET DE RECTIFICATION

Icyiciro cya mbere: Uburenganzira bwo gukosora, gusubiza no kugorora mu itangazamakuru ryanditse

Section One: Right of correction, reply and rectification in print media

Section 2: Droit de correction, de réponse et de rectification dans la presse écrite

Ingingo ya 21: **Uburenganzira bwo gusaba gukosora, gusubiza cyangwa kugorora**

Article 21: Right of correction, reply or rectification

Article 21: Droit de correction, de réponse ou de rectification

Umuntu wese, amashyirahamwe, inzego za Leta n'imiryango yemewe n'amategeko bifite uburenganzira bwo gusaba gukosora, gusubiza cyangwa kugorora inyandiko cyangwa inkuru yatangajwe mu gitangazamakuru.

Every individual, associations, public entities and organizations with legal personality shall have the right to request for correction, reply or rectification of an article or a story published in a media organ.

Toute personne physique, associations, institutions publiques et organisations dotées de la personnalité juridique ont le droit de réclamer la correction, la réponse ou la rectification d'un article ou une nouvelle publié dans un organe de média.

Gusaba gukosora, gusubiza cyangwa kugorora bishyikirizwa Umuyobozi w'igitangazamakuru mu rwandiko rushinganye, urwandiko rutanzwe urwakiriye akarutangira icyemezo cy'iyakira cyangwa inyandiko y'ikoranabuhanga ifite gihamya ko yakiriwe.

Request for correction, reply or rectification shall be submitted to the Publishing Director of media organ in a registered mail, letter delivered with acknowledgement of receipt or electronic mail with acknowledgment of receipt.

La demande de correction, de réponse ou de rectification est adressée au Directeur de l'organe de médias par lettre recommandée, lettre remise en main avec accusé de réception ou courrier électronique avec accusé de réception.

Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura rugena uburyo gukosora, gusubiza no kugorora bikorwa.

The Media Self Regulatory body shall determine modalities for correction, reply and rectification.

Les modalités de correction, de réponse ou de rectification sont définies par l'Organe d'Autorégulation des Médias.

Mu gihe uwasabye gukosora, gusubiza cyangwa

If the applicant for correction, reply or

Lorsque la personne ayant introduit la demande de

kugorora atanyuzwe n'imyanzuro, ashobora kwitabaza Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura. Mu gihe binaniranye, ashobora kuregera Urukiko rubifitiye ububasha.

rectification is unsatisfied with the decision made, the person may file a case with the Media Self Regulatory Body. In the absence of amicable settlement, the person may file a case with the competent court.

correction, de réponse ou de rectification n'est pas satisfaite de la décision prise, elle peut saisir l'Organe d'Autorégulation des Médias. A défaut de règlement à l'amiable, elle peut saisir la juridiction compétente.

Ingingo ya 22: Inzego n'Imiryango bikoresha uburenganzira bwo gusubiza, gukosora cyangwa kugorora

Article 22: Bodies and Organisations exercising the right of reply, correction or rectification

Article 22: Organes et organisations exerçant le droit de réponse, de correction ou de rectification

Uburenganzira bwo gusubiza, gukosora cyangwa kugorora, bushobora gukoreshwa na Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu n'izindi nzego za Leta zibifitiye ububasha, amashyirahamwe cyangwa imiryango itari iya Leta byemewe n'amategeko, bifite mu nshingano zabyo kurengera uburenganzira bwa Muntu, bibyibwirije cyangwa bibisabwe, iyo umuntu cyangwa abantu bandagajwe n'igitangazamakuru kikabatesha icyubahiro cyangwa icyizere bishingiye ku ivangura iryo ari ryo ryose, cyangwa ku zindi mpamvu zijyanye n'inshingano zabyo.

The National Commission of Human Rights and other public competent organs, registered associations or human rights or non government organisations in charge of human rights, may at their own initiative or upon request, exercise the right of reply, correction or rectification when a person or a group of persons is/are subject to accusations in a media organ, likely to harm their reputation or confidence, on the basis of any form of discriminarion or any other grounds based on their responsibilities.

Le droit de réponse, de correction ou de rectification peut être exercé par la Commission Nationale des Droits de la Personne et autres organes publics compétents, des associations ou organisations non gouvernementales agréées de défense des droits de la personne, à leur initiative ou sur demande, lorsqu'une personne ou un groupe de personnes ont, dans un organe de médias, fait l'objet d'imputations susceptibles de porter atteinte à leur honneur ou à leur réputation pour des raisons d'une quelconque discrimination ou d'autres considérations liées à leurs responsabilités.

Ingingo ya 23: Kubika ibiganiro n'amakuru

Article 23: Keeping recorded programmes

Article 23: Conservation des enregistrements des émissions

Ikigo cy'itangazamakuru rikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho kigomba kubika ibiganiro n'amakuru cyakoze, nibura igihe cy'amezi atatu (3).

The audio or audiovisual media organ is required to keep its recorded programmes and preserve them for at least three (3) months.

L'entreprise de médias audio ou audiovisuels doit enregistrer ses émissions et les conserver pendant au moins trois (3) mois.

Iyo habayeho ikibazo cyangwa ikirego kuri ibyo biganiro mbere y'uko amezi atatu (3) ashira, ukubika ibiganiro birangira ari uko icyo kibazo

If any complaint or petition relating to those programmes arises before expiry of three (3) months, the obligation to preserve the recorded

Lorsqu'une réclamation ou une plainte portant sur ces émissions est déposée avant ce délai de trois (3) mois, l'obligation de conserver les

cyangwa se ikirego kirangiye.

programmes ceases when the complaint or petition is concluded.

enregistrements s'éteint à la clôture définitive de la réclamation ou de la plainte.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI : DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 24: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Article 24: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 24: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Ingingo ya 25: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranije n'iri tegeko

Itegeko n° 22/2009 ryo kuwa 12/08/2009 rigenga itangazamakuru n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Article 25: Repealing provisions

Law n° 22/2009 of 12/08/2009 on media and all prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Article 25: Disposition abrogatoire

La loi n° 22/2009 of 12/08/2009 régissant les médias ainsi que toutes les dispositions légales antérieures et contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 26: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 26: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 26: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa **08/2/2013**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on **08/2/2013**

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le **08/2/2013**

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

ITEGEKO Nº03/2013 RYO KUWA 08/02/2013 RIGENAINSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BY'INAMA NKURU Y'ITANGAZAMAKURU (MHC)	LAW Nº03/2013 OF 08/02/2013 DETERMINING THE RESPONSIBILITIES, ORGANISATION, AND FUNCTIONING OF THE MEDIA HIGH COUNCIL (MHC)	LOI Nº03/2013 DU 08/02/2013 DETERMINANT LES MISSIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU HAUT CONSEIL DES MEDIAS (MHC)
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIERES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE **Ingingo ya mbere: Icyo iri Tegeko rigamije** **Ingingo ya 2: Intego ya MHC** **Ingingo ya 3: Icyicaro cya MHC** **UMUTWE WA II: URWEGO RUREBERERA MHC** **Ingingo ya 4: Urwego rureberera MHC** **Ingingo ya 5: Amasezerano ya gahunda y'ibikorwa** **UMUTWE WA III: INSHINGANO ZA MHC** **Ingingo ya 6: Inshingano z'ingenzi za MHC** **Ingingo ya 7: Gutanga gahunda na raporo y'ibikorwa**	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** **Article One: Purpose of this Law** **Article 2: Mission of MHC** **Article 3: Head office of MHC** **CHAPTER II: SUPERVISING AUTHORITY OF MHC** **Article 4: Supervising Authority of MHC** **Article 5: Performance contract** **CHAPTER III: RESPONSIBILITIES OF MHC** **Article 6: Main responsibilities of MHC** **Article 7: Submission of the plan of action and activity report**	**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES** **Article premier : Objet de la présente loi** **Article 2: Mission du MHC** **Article 3 : Siège du MHC** **CHAPITRE II : ORGANE DE TUTELLE DU MHC** **Article 4 : Organe de tutelle du MHC** **Article 5 : Contrat de performance** **CHAPITRE III : ATTRIBUTIONS DU MHC** **Article 6 : Principales missions du MHC** **Article 7 : transmission du plan d'action et du rapport d'activités**

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA MHC	**CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF MHC**	**CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU MHC**
Ingingo ya 8: Inzego z'ubuyobozi za MHC	**Article 8: Management organs of MHC**	**Article 8: Organes de direction du MHC**
Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi ya MHC	**Section One: Board of Directors of MHC**	**Section première : Conseil d'Administration du MHC**
Ingingo ya 9: Abagize Inama y'Ubuyobozi	**Article 9: Members of the Board of Directors**	**Article9 :CompositionduConseil d'Administration**
Ingingo ya 10: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi	**Article 10: Responsibilities of the Board of Directors**	**Article10 :AttributionsduConseil d'Administration**
Ingingo ya 11: Ibitabangikanywa no kuba mu Nama y'Ubuyobozi	**Article 11: Incompatibilities with membership of the Board of Directors of MHC**	**Article 11: Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil d'Administration du MHC**
Ingingo ya 12: Uko umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ayivamo	**Article 12: Reason for termination of membership from the Board of Directors**	**Article 12 : Perte de qualité de membre du Conseil d'Administration**
Ingingo ya 13 : Gusimburwa umwe mu Nama y'Ubuyobozi	**Article 13: Replacement of a member of the Board of Directors**	**Article 13 : Remplacement d'un membre du Conseil d'Administration**
Ingingo ya 14: Inama z'Inama y'Ubuyobozi Ya MHC	**Article 14: Meetings of the Board of Directors of MHC**	**Article 14 : Réunions du Conseil d'Administration du MHC**
Ingingo ya 15: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama	**Article 15: Sitting allowances for the members of the Board of Directors**	**Article 15 : Jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration**
Icyiciro cya 2: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa	**Section 2: Executive Secretariat**	**Section 2: Secrétariat exécutif**
Ingingo ya 16: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa	**Article 16: Executive Secretariat**	**Article 16: Secrétariat Exécutif**
Ingingo ya 17: Inshingano z'Umunyamabanga	**Article 17: Responsibilities of the Executive**	**Article 17 : Attributions du Secrétaire Exécutif**

Nshingwabikorwa

Ingingo ya 18: Ishyirwaho n'ivanwaho by'Umunyamabanga Nshingwabikorwa

Ingingo ya 19: Imbonerahamwe n'imiterere by'inzego z'imirimo bya MHC

UMUTWE WA V: UMUTUNGO WA MHC

Ingingo ya 20: Inkomoko y'umutungo wa MHC

Ingingo ya 21: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire y'umutungo

Ingingo ya 22: Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya MHC

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 23: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Ingingo ya 24: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo ya 25: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Secretary

Article 18: Appointment and dismissal of the Executive Secretary

Article 19: Organisational chart and structure of MHC

CHAPTER V: PROPERTY OF MHC

Article 20: Source of the property of MHC

Article 21: Use, management and audit of the property of MHC

Article 22: Approval and management of the budget of MHC

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

Article 23: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 24: Repealing provision

Article 25: Commencement

Article 18 : Nomination et révocation du Secrétaire Exécutif

Article 19 : Structure et cadre organique du MHC

CHAPITRE V: PATRIMOINE DU MHC

Article 20 : Source du patrimoine du MHC

Article 21: Utilisation, gestion et audit du patrimoine du MHC

Article 22 : Adoption et gestion du budget du MHC

CHAPITRE VI : DISPOSITIONS FINALES

Article 23 : Initiation, examen et adoption de la présente loi

Article 24 : Disposition abrogatoire

Article 25: Entrée en vigueur

ITEGEKO Nº03/2013 RYO KUWA 08/02/2013 RIGENA INSHINGANO,IMITERERE N'IMIKORERE BY'INAMA NKURU Y'ITANGAZAMAKURU (MHC)	LAW Nº03/2013 OF 08/02/2013 DETERMINING THE RESPONSIBILITIES, ORGANISATION, AND FUNCTIONING OF THE MEDIA HIGH COUNCIL (MHC)	LOI Nº03/2013 DU 08/02/2013 DETERMINANT LES MISSIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU HAUT CONSEIL DES MEDIAS (MHC)
Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;	**We, KAGAME Paul,** President of the Republic;	**Nous, KAGAME Paul,** Président de la République ;
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWAMU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA	**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**	**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:	**THE PARLIAMENT:**	**PARLEMENT :**
Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 19 Ugushyingo 2012;	The Chamber of Deputies, in its session of 19 November 2012;	La Chambre des Députés, en sa séance du 19 novembre 2012;
Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 15 Ugushyingo 2012;	The Senate, in its session of 15 November 2012;	Le Sénat, en sa séance du 15 novembre 2012;
Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 33, iya 34, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108 n'iya 201;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 33, 34, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108 and 201;	Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 33, 34, 62, 66, 67; 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108 et 201;
Isubiye ku Itegeko n° 30/2009 ryo kuwa	Having reviewed Law n° 30 of 16/09/2009	Revu la Loi n° 30/2009 du 16/09/2009 portant

16/09/2009rigenainshingano,imiterere n'imikorere by'Inama Nkuru y'Itangazamakuru;

determining the mission, organization and functioning of the Media High Council ;

mission, organisation et fonctionnement du Haut Conseil des Medias (MHC);

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Iri tegeko rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Inama Nkuru y'Itangazamakuru yitwa "MHC" mu magambo ahinnye y'ururimi rw'icyongereza.

This Law determines the responsibilities, organisation and functioning of the Media High Council abbreviated as "MHC".

La présente loi détermine les missions, l'organisation et le fonctionnement du Haut Conseil des Médias dénommé « MHC » en sigle anglais.

MHC ifite ubuzimagatozi n'ubwisanzure mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo.

MHC shall enjoy legal personality, financial and administrative autonomy.

MHC est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie financière et administrative.

Ingingo ya 2: Intego ya MHC

Article 2: Mission of MHC

Article 2: Mission du MHC

MHC ni urwego rwigenga rushinzwe kubaka ubushobozi bw'itangazamakuru.

MHC is an independent institution responsible for media capacity building.

MHC est un organe indépendant chargé du renforcement des capacités des médias.

Ingingo ya 3: Icyicaro cya MHC

Article 3: Head office of MHC

Article 3 : Siège du MHC

MHC ifite icyicaro mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda bisabwe na bitatu bya kane (¾) by'abagize Inama y'Ubuyobozi.

The head office of MHC is located in the City of Kigali, the Capital city of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda upon request by three-quarters (¾) of the members of the Board of Directors.

Le siège du MHC est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut être transféré en tout autre lieu du territoire du Rwanda sur demande des trois quarts (¾) des membres du Conseil d'Administration.

UMUTWE WA II: URWEGO RUREBERERA MHC

Ingingo ya 4: Urwego rureberera MHC

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena urwego rureberera Inama Nkuru y'Itangazamakuru

Ingingo ya 5: Amasezerano ya gahunda y'ibikorwa

MHC igirana amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa n'isuzumamikorere byayo n'urwego ruyireberera.

Ayo masezerano amara igihe gihwanye na manda y'abagize Inama y'Ubuyobozi ashyirwaho umukono na Perezida w'Inama y'Ubuyobozi n'urwego rureberera MHC.

UMUTWE WA III: INSHINGANO ZA MHC

Ingingo ya 6: Inshingano z'ingenzi za MHC

Inshingano z'ingenzi za MHC ni izi zikurikira:

1° gukora ubuvugizi bugamije kubaka ubushobozi bw'itangazamakuru;

2° kubaka ubufatanye n'izindi nzego mu gushakisha ubushobozi bugamije kubaka ubushobozi bw'itangazamakuru;

CHAPTER II: SUPERVISING AUTHORITY OF MHC

Article 4: Supervising Authority of MHC

A Prime Minister's Order shall determine the supervising authority of MHC.

Article 5: Performance contract

MHC shall sign the performance contract and evaluation with the Supervising authority.

The contract which shall be valid for the duration of the term of office of members of the Board of Directors shall be signed between the Chairperson of the board of Directors and the authority supervising MHC.

CHAPTER III: RESPONSIBILITIES OF MHC

Article 6: Main responsibilities of MHC

MHC shall have the following main responsibilities:

1° to advocate for media capacity building;

2° to build partnership with other institutions in a bid to mobilize resources for media capacity building;

CHAPITRE II : ORGANE DE TUTELLE DU MHC

Article 4: Organe de tutelle du MHC

Un Arrêté du Premier Ministre détermine l'organe de tutelle du MHC.

Article 5 : Contrat de performance

MHC signe un contrat de performance et d'évaluation avec l'organe de tutelle.

Ce contrat qui est valide pour une durée égale à celle du mandat des membres du Conseil d'Administration est signé entre le Président du Conseil d'Administration et l'organe de tutelle du MHC.

CHAPITRE III : ATTRIBUTIONS DU MHC

Article 6 : Principales missions du MHC

Les principales missions du MHC sont les suivantes :

1° faire le plaidoyer pour le renforcement des capacités des médias;

2° établir le partenariat avec d'autres institutions en vue de mobiliser des ressources pour le renforcement des capacités des médias;

3° gukora ubushakashatsi buhoraho bufasha kubaka ubushobozi bw'itangazamakuru;

4° kugira uruhare mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya politiki n'ingamba biteza imbere itangazamakuru;

5° kubaka ubushobozi bwo guhanga no gukora itangazamakuru rimenyekanisha kandi rigateza imbere indangagaciro, umuco, n'ibikorerwa mu Rwanda;

6° gushyikirana, gufatanya no gukorana n'izindi nzego zo mu gihugu, mu karere no ku rwego mpuzamahanga bihuje inshingano;

7° gufasha mu ishyirwaho ry'urubuga rubereye kandi rworohereza ishoramari mu itangazamakuru;

8° gukora indi mirimo iteganywa n'amategeko itanyuranye n'inshingano zayo.

3° to conduct regular research enabling to build media capacities;

4° to participate in initiating and implementing policies and strategies to develop the media sector;

5° to build innovative capacities and to produce media content that disseminates and promotes the Rwandan values, culture and products;

6° to liaise, collaborate and cooperate with other national, regional, and international institutions with similar or related responsibilities;

7° to assist in setting up an enabling environment that facilitates investments in the media sector;

8° to perform any other functions prescribed by Law that are not inconsistent with its mandate.

3° mener des recherches régulières permettant le renforcement des capacités des médias ;

4° participer dans l'initiation et la mise en œuvre des politiques et des stratégies visant à développer le secteur des médias ;

5° renforcer la capacité d'innovation de production du contenu médiatique propre à diffuser et à promouvoir les valeurs, la culture et les produits Rwandais;

6° se concerter, coopérer et collaborer avec d'autres institutions nationales, régionales et internationales ayant les missions similaires ;

7° aider dans la mise en place d'un environnement qui facilite les investissements dans le secteur des médias ;

8° effectuer toutes autres tâches prescrites par la loi et qui ne sont pas contraires à sa mission.

Ingingo ya 7: Gutanga gahunda na raporo y'ibikorwa

MHC ishyikiriza urwego ruyireberera, buri mwaka w'ingengo y'imari, gahunda y'ibikorwa bitarenze tariki 30 Kamena ya buri mwaka w'ingengo y'imari, na raporo y'umwaka urangiye

Article 7: Submission of the plan of action and activity report

MHC shall, in every fiscal year, submit to the supervising authority its annual plan of action not later than 30th June, and the activity report of the previous year not later than 30th September every

Article 7 : Transmission du plan d'action et du rapport d'activités

MHC soumet, chaque année comptable, à l'organe de tutelle son plan d'action pour l'exercice suivant au plus tard le 30 juin et son rapport d'activités au plus tard le 30 septembre de chaque année.

bitarenze tariki ya 30 Nzeri ya buri mwaka.

year.

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA MHC

CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF MHC

CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU MHC

Ingingo ya 8: Inzego z'ubuyobozi za MHC

Article 8: Management organs of MHC

Article 8: Organes de direction du MHC

Inzego z'ubuyobozi za MHC ni izi zikurikira:

Management organs of MHC shall be as follows:

Les organes de direction du MHC sont les suivants :

1° Inama y'Ubuyobozi;

1° the Board of Directors;

1° le Conseil d'Administration ;

2° Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

2° the Executive Secretariat.

2° le Secrétariat Exécutif.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi ya MHC

Section One: Board of Directors of MHC

Section première: Conseil d'Administration du MHC

Ingingo ya 9: Abagize Inama y'Ubuyobozi

Article 9: Members of the Board of Directors

Article9:CompositionduConseil d'Administration

Inama y'Ubuyobozi ya MHC ni rwo rwego rukuru mu miyoborere yayo.

The Board of Directors is the supreme organ governing MHC.

Le Conseil d'Administration est l'organe suprême de direction du MHC.

Inama y'Ubuyobozi igizwe n'abantu barindwi (7) bafite ubumenyi n'ubushobozi kandi b'inyangamugayo. Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) bagomba kuba ari abagore.

The Board of Directors shall consist of seven (7) skilled and competent members who shall be persons of integrity. At least thirty percent (30%) of them shall be female.

Le Conseil d'Administration est composé de sept (7) personnes qualifiées, compétentes et intègres dont au moins trente pour cent (30%) sont de sexe féminin.

Iteka rya Perezida rishyiraho abagize Inama y'ubuyobozi ya MHC barimo Perezida na Visi Perezida.

A Presidential Order shall appoint members of the Board of Directors of MHC including the Chairperson and Deputy Chairperson.

Un Arrêté du Président nomme les membres du Conseil d'Administration du MHC y compris le Président et le Vice-Président.

Abagize Inama y'Ubuyobozi bashyirwaho igihe cy'imyaka itatu (3) gishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

The Members of the Board of Directors shall serve for a term of office of three (3) years renewable only once.

Les membres du Conseil d'Administration du MHC sont nommés pour un mandat de trois (3) ans renouvelable une seule fois.

Ingingo ya 10: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi

Inshingano z'ingenzi z'Inama y'Ubuyobozi ni izi zikurikira:

1° gutanga icyerekezo cya MHC;

2° kuyobora no gufata ibyemezo;

3° kwemeza gahunda y'ibikorwa;

4° kwemeza amategeko ngengamikorere ya MHC mbere y'uko atangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda;

5° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya MHC ya buri mwaka mbere yo kuyishyikiriza inzego zibishinzwe;

6° gusuzuma imikorere ya MHC hakurikijwe gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari;

7° kwemeza raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'umutungo ya MHC za buri gihembwe n'iza buri mwaka urangiye;

8° gukurikirana imikorere y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

Article 10: Responsibilities of the Board of Directors

The Board of Directors shall have the following main responsibilities:

1° to provide strategic vision of MHC;

2° to direct and take decisions;

3° to approve the action plan;

4° to approve the internal rules and regulations of MHC before they are published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda;

5° to approve the draft annual budget proposal of MHC before being submitted to relevant authorities;

6° to evaluate the performance of MHC in accordance with the action plan and the budget;

7° to approve the quarterly and annual activity and financial reports of MHC;

8° to monitor the performance of the Executive Secretariat.

Article 10: Attributions du Conseil d'Administration

Les principales attributions du Conseil d'Administration sont les suivantes :

1° déterminer la vision stratégique du MHC;

2° assurer la direction et la prise de décision;

3° adopter le plan d'action;

4° adopter le règlement d'ordre intérieur du MHC avant sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda;

5° approuver l'avant-projet du budget annuel avant de le transmettre aux organes compétents ;

6° évaluer les performances du MHC sur base du plan d'action et du budget ;

7° approuver le rapport trimestriel et annuel d'activités et financier du MHC;

8° assurer le suivi de la performance du Secrétariat exécutif.

Ingingo ya 11: Ibitabangikanywa no kuba mu Nama y'Ubuyobozi ya MHC

Abagize Inama y'Ubuyobozi ya MHC ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri MHC.

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane, gupiganira amasoko atangwa muri MHC.

Article 11: Incompatibilities with membership of the Board of Directors of MHC

Members of the Board of Directors of MHC are prohibited from performing any remunerated activity in MHC.

Members of the Board of Directors or companies in which they are shareholders are prohibited to bid for tenders in MHC.

Article 11: Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil d'Administration du MHC

Il est interdit aux membres du Conseil d'Administration du MHC d'exercer des fonctions rémunérées au sein du MHC.

Il est également interdit aux membres du Conseil d'Administration ou aux sociétés dont ils sont associés de soumissionner pour les marchés du MHC.

Ingingo ya 12: Uko umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ayivamo

Umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ashobora kuyivamo manda itarangiye iyo:

1° apfuye ;

2° yeguye ku bushake ;

3° abangamiye inyungu za MHC ;

4° atagishoboye kuzuza inshingano ze kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe bwemejwe n'umuganga wemewe na Leta ;

5° yahamwe n'icyaha cy'ivangura n'amacakubiri ;

6° yahamwe n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside ;

Article 12: Reasons for termination of membership from the Board of Directors

A member of the Board of Directors shall vacate his/her office if:

1° he/she dies;

2° he/she resigns;

3° he/she jeopardizes the interests of MHC;

4° he/she is no longer able to perform his/her duties due to physical or mental disability certified by an authorized medical doctor;

5° he/she has been found guilty of sectarianism and divisionism;

6° he/she has been found guilty of the crime of genocide ideology;

Article 12: Perte de qualité de membre du Conseil d'Administration

Un membre du Conseil d'Administration perd la qualité de membre avant l'expiration du mandat en cas de:

1° décès ;

2° démission volontaire ;

3° agissement contraire aux intérêts du MHC;

4° impossibilité de remplir ses fonctions suite à une incapacité physique ou une maladie mentale constatée par un médecin agréé ;

5° condamnation pour crime de discrimination et de divisionnisme ;

6° condamnation pour crime d'idéologie du génocide;

7° yireze akemera icyaha cya jenoside ;

8° akatiwe igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);

9° bigaragaye ko atacyujuje ibyashingiweho ashyirwa mu Nama y'Ubuyobozi.

7° he/she has confessed and pleaded guilty of the crime of genocide;

8° he/she has been sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;

9° if it is evident that he/she no longer fulfils the requirements considered during his/her appointment.

7° aveu et plaidoyer de culpabilité pour crime de génocide ;

8° condamnation définitive à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois ;

9° constat qu'il ne remplit plus les critères sur base desquels il avait été nommé.

Ingingo ya 13 : Gusimbura umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi

Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi avuyeho igihe yashyiriweho gishigaje igihe kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6) asimburwa mu minsi mirongo itandatu (60).

Ushyizweho arangiza manda y'uwo asimbuye.

Article 13: Replacement of a member of the Board of Directors

If a member of the Board of Directors loses his/her membership when the remaining period of his/her term of office is equal to or exceeding six (6) months, the member shall be replaced within sixty (60) days.

A member designated to replace him/her shall complete the remaining term of office of the replaced person.

Article 13 : Remplacement d'un membre dans le Conseil d'Administration

Quand un membre du conseil d'Administration perd la qualité de membre alors qu'il reste au moins six (6) mois pour que le mandat ne termine, il est remplacé dans un délai de soixante (60) jours.

Le membre nommé termine le mandat de celui qu'il remplace.

Ingingo ya 14: **Inama z'Inama y'Ubuyobozi ya MHC**

Inama y'Inama y'Ubuyobozi ya MHC itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo. Iyo adahari asimburwa na Visi Perezida.

Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya MHC ni we uyihagararira imbere y'amategeko.

Article 14: Meetings of the Board of Directors of MHC

The meeting of the Board of Directors of MHC shall be convened and chaired by its Chairperson. In his/her absence, the Chairperson is replaced by the Vice Chairperson.

The Chairperson of the Board of Directors of MHC shall be its legal representative.

Article 14 : **Réunions du Conseil d'Administration du MHC**

La réunion du Conseil d'Administration du MHC est convoquée et présidée par le Président En cas de son absence, il est remplacé par le Vice-président.

Le Président du Conseil d'Administration du MHC est son représentant légal.

Ibijyanye n'imikorere y'Inama y'Ubuyobozi bitavuzwe muri iri tegeko biteganywa n'amategeko ngengamikorere ya MHC.

Ingingo ya 15: **Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama**

Abagize Inama y'Ubuyobozi ya MHC bitabiriye inama z'Inama y'Ubuyobozi bahabwa amafaranga agenwa n'Iteka rya Perezida.

Icyiciro cya 2: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa

Ingingo ya 16: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa

MHC ifite Ubunyamabanga Nshingwabikorwa buyoborwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa.

Amategeko ngengamikorere ya MHC agena usimbura Ubunyamabanga Nshingwabikorwa iyo adahari.

Abakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa bwa MHC bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

Ingingo ya 17: **Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa afite

Any issues related to the functioning of the Board of Directors that has not been referred to in this Law shall be specified in the internal rules and regulations of MHC.

Article 15: Sitting allowances for members of the Board of Directors

A Presidential Order shall determine the sitting allowances to be given to members of the Board of Directors of MHC present at meetings of the Board of Directors.

Section 2: Executive Secretariat

Article 16: Executive Secretariat

MHC shall have an Executive Secretariat managed by an Executive Secretary.

The internal rules and regulations of MHC shall determine the person to replace the Executive Secretary in case of his/her absence.

The personnel of the Executive Secretariat of MHC shall be governed by the General Statutes for Rwanda Public Service.

Article 17: Responsibilities of the Executive Secretary

The Executive Secretary shall have the following

Toutes dispositions relatives au fonctionnement du Conseil d'Administration qui ne sont pas stipulées dans la présente loi, sont prévues dans le règlement d'ordre intérieur du MHC.

Article 15 : Jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration

Un Arrêté Présidentiel détermine les jetons de présence à accorder aux membres du Conseil d'Administration du MHC présents aux réunions du Conseil d'Administration.

Section 2: Secrétariat exécutif

Article 16: Secrétariat Exécutif

MHC est doté d'un Secrétariat Exécutif placé sous la direction d'un Secrétaire Exécutif.

Le règlement d'ordre intérieur du MHC détermine son remplaçant du Secrétariat Exécutif en cas d'absence.

Les membres du personnel du Secrétariat Exécutif du MHC sont régis par le Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise.

Article 17 : Attributions du Secrétaire Exécutif

Le Secrétaire Exécutif a les attributions suivantes:

inshingano zikurikira:	responsibilities:	
1° gushyira mu bikorwa ibyemezo byose byafashwe n'Inama y'Ubuyobozi;	1° implementing all the decisions taken by the Board of Directors;	1° assurer la mise en exécution de toutes les décisions du Conseil d'Administration;
